

## Ibindi byagufasha

Gukoresha buto y'ishakisha kuri mudasobwa mu birebana n'amahitamo yo Kwita ku mwana ni intambwe imwe mu gikorwa cyo kubona ubufasha bwo kwita ku mwana, hari ahandi hantu henshi cyane hagufasha mu gushaka ibyo ukeneye no mu gufata icyemezo. Ushobora kubona amakuru yerekeranye na:

- Uko wareba ibyakozwe byose mu ikurikirana n'isuzuma ku buziranenge
- Urutonde rw'ibyo kwibandaho mu gihe wasuye porogaramu;
- Amakuru yahabwa'imiryango ku byerekeye imikurire y'umwana no kwita ku bana bakeneye kwitabwaho by'umwihariko.

*Iyi nyandiko yabashije gushyirwa ahagaragara bitewe na Grant Number 90TP0028 yo mu Biro byo kwita ku Mwana, Ubuyobozi bw'Abana n'imiryango, Ishami rya Leta Zunze ubumwe z'Amerika rishinzwe ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage. Ibikubiyemo byaryozwa ababyanditse gusa kandi ntibihagarariye ibitekerezo byemewe by'Ibiro byo kwita ku bana, Ubuyobozi bw'Abana n'imiryango, Ishami rya Leta Zunze ubumwe z'Amerika rishinzwe ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage*

Roads to Quality Maine
Professional Development Network
PO Box 9300
Portland, ME 04104-9300

University of Southern Maine

Child and Family Services
An Office of the Department of Health and Human Services

MRTO PDN iterwa inkunga n'Ishami ry'Ubuzima rya Maine na serivisi zo kwita ku baturage, Ibiro by'umwana na serivisi z'abaturage ChildCare Development Block Grant

Child Care Choices

childcarechoices.me

# Aho wanyura mu gushaka abita ku mwana muri Maine



## Child Care Choices ni iki?

Child Care Choices ni umuyoboro wa Maine wo kuri interineti ufasha imiryango gushaka no kumenya amahitamo ahari yo kwita ku mwana.

Ushobora kwifashisha ubu buryo mu gushaka abo kwita ku mwana wawe nkuko umuryango wawe ubikeneye. Ku rubuga ushobora kuhasanga ibijyanye na:

- Ubwoko bwo kwita ku bana muri Maine n'aho wanyura mu guhitamo porogaramu ibereye umuryango wawe
- Uburyo buboneye gukurikirana no gusesengura ibikorwa,, Ibipimo by'ubuziranenge muri Maine na sisitemu zo kunoza imikorere
- Amakuru yo guhabwa uruhushya rwo kwita ku mwana
- Ibyo umuryango wakora niba ukeneye ubufasha bwo kwishyura amafaranga yo kwita ku mwana

## Ingeri za serivisi zo kwita ku bana ziriho

Izi ni ingeri zinyuranye wahitamo mu kwita ku bana

**Kwita ku mwana mu muryango:** Izi porogaramu zikorera m rugo bwite kandi igenewe akenshi ibyiciro by'imyaka itandukanye.

**Ikigo cyita ku bana:** Tizi ni porogaramu zikorerwa mu nyubako zagenewe kwita ku bana. Abana akenshi bashyirwa mu mmatsinda hakurikijwe imyaka mu bigo byita ku bana.

**Amashuri y'incuke:** Izi porogaramu z'abana zita ku bana mu gihe cy'amasaha yo kwita ku bana atarenga 3 ku munsi. Amashuri amwe y'incuke batanga amasomo yita ku bana mu gitondo na nimugoroba, ariko umwana yakwitabira igice kimwe gusa ku munsi.

**Uburyo bwa Head Start:** Ni gahunda ya leta iteza imbere kwitegura kw'abana bo mu miryango yinjiza amafaranga make kuva bavutse kugeza ku myaka itanu, bigakorwa biciye mu guteza imbere iterambere ry'umwana mu bumenyi, imibanire n'amarangamutima. Head Start ifasha abana bafite bitegura gutangira amashuri n'imiryango yabo. Porogaramu nyinshi za Head Start zinatanga kandi Early Head Start, ifasha impinja, ibitambambuga, abagore batwite n'imiryango yinjiza amafaranga ari munsi y'ikigero cy'ubukene busanzwe nk'uko bigenwa na leta. Porogaramu zishobora kuba ari iz'umunsi wose cyangwa igice cyawo.

**Dukurikire kuri Facebook: facebook.com/childcarechoicesmaine**

## Uko bashaka

Ikiranga cy'ishakisha kigufasha gushaka:

- Ubwoko bwo kwita ku mwana (Kwita ku mwana mu muryango cyangwa kwita ku mwana mu kigo);
- Aderesi n'intera;
- Umujyi cyangwa iposita;
- Ibikorwa ku ireme mu gukurikirana no gusuzuma ibikorwa;
- Imyaka irebwa na porogaramu.

Ibisubizo bishyirwa ku ikarita kandi wakoresha ikoranabuhanga ugakururra urutonde rukubiyeho

- Izina ry'umwana, aderesi, na nimero ya telefone;
- Ubwoko bwa porogaramu n'imyaka igenewe;
- Ibikorwa ku ireme mu gukurikirana no gusuzuma ibikorwa
- Amabwiriza yo gutwara;
- Ibisobanuro by'uruhushya.

Uramutse ufite ibibazo byerekeye no gushaka abazafasha umwana wawe, hamagara 1-877-6805866 uvugane n'Ishami ryo kwita ku bana n'ibikoresho byo wkifashsiha mu Ishami ry'Ubuzima na serivisi zo kwita ku baturage rya Maine, Ibiro bya serivisi zo kwita ku mwana n'umuryango.

## Uko watubona

Maine Roads to Quality Professional Development Network
childcarechoices@maine.edu
Visit us on the web:
https://childcarechoices.me